AHANTU NYABURANGA MU KARERE KA RUHANGO

N0	Ahantu Nyaburanga	Aho haherereye (Umurenge/Akagari)	Ikihagaragara
1	Urutare rwa Kamegeri	Ruhango/Rwoga	Urutare
2	Umwari wa Musamo	Ruhango/Musamo	Ibuye rifite ishusho y’umwari
3	Umugina w’imvuzo	Byimana/Ntenyo	Umugina
4	imana y’irarire	Kinazi/Burima	Harubatswe
5	Umwungeri wa Nyankaka	Kinazi/Gisali	Ikizenga cy’amazi
6	Igisoro cya Ruganzu	Kabagali/Rwoga	Ibuye ricukuyemo igisoro
7	Intango ya Rwabugiri	Kabagali/Bihembe	Urutare rugaragaza ikibindi n’igiti cy’umuvumu
8	Amasenga y’Impyisi	Kinihira/Kirwa	Imyobo
9	Kwa YEZU nyirimpuhwe	Ruhango Nyamagana	Kiriziya n’Ikibuga

Amateka aranga buri hantu nyaburanga n’ikihateganyijwe

- **Urutare rwa Kamegeri**: Umugabo witwa kamegeri wari umugome yasabiye undi kumwami ngo ahanishwe igihano cyo gutwikirwa kurutare, umwami arabanza arabyemera bararucanira nyuma umwami aramubwira ngo nabanzirize uwo yashakaga kuhatwikira.

- **Ikihateganyijwe**: Gushyiraho sign post ,kubaka coffee shop no gutunganya ubusitani kuri iyo site hashyirwaho ibigaragaza ayo mateka kandi byanditse kugirango hasurwe.

- **Umwari wa Musamo**: Hari umukobwa warugiye gushyingirwa aherekezwa n’ababyeyi bahageze umukobwa araharigitira, nyuma hamera ibuye rifite ishusho y’umukobwa ufite amabere.

  Nibwo hafashwe icyemezo ko ntamubyeyi uzaherekeza umukobwawe kurongorwa.

- **Ikihateganyijwe**: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse na statut ijyanye naho no kuharimbisha.

- **Umugina w’imvuzo:** Hari umukire witwaga Mirenge, yakoreshaga abakozi akabaha ibigage, akamena imvuzo kumusozi hahita haba umugina, ariyo mpamvu bahise umugina w’imvuzo.

- **Ikihateganyijwe**: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse na statut ijyanye na Mirenge ku Ntenyo izaba iri kumuhanda uhagera.

- **imana y’irarire: hari igiti** abaturage bajyaga guterekereraho basaba ibyara cyangwa ubutunzi.

- **Ikihateganyijwe**: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse na statut ijyanye naho no kuharimbisha.

- **Umwungeri wa Nyankaka**: Hari umugabo mwene Nyankaka wari ufite ubushyo bw'inka zidafite impfizi bagenzibe bakanga kumutiza impfizi, mwijoro hakaza impfizi ivuye mukuzimu ikimya inka ze iyimye yose ikabyara **inyana**. Umunsi umwe ajya gukora ibwami ararayo, haza umugabo waje gusambanya umugorewe yumva yampfizi ije kwimya, arasohoka ayivugiriza induru, muruwo mwanya arinka n'abo bantu bose bararigita.

Aho barigitiye haba ikizenga cy'amazi kugeza ubu.

Ikihateganyijwe: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse no kuharimbisha.

- **Igisoro cya Ruganzu:** n’ahantu Ruganzu yaruhukiye akandagira ku ibuye rigaragaraho ikirenge cye, umuheto n’ijanja ry’imbwaye.

- **Ikihateganyijwe**: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse na statut ijyanye naho.

- **Intango ya Rwabugiri:** Naho Rwabugiri yazaga guterekerera avuye I Nyanza, hakaba akabindi kagaragazaga igihe cy'itumba n'impeshi

- **Ikihateganyijwe**: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse na statut ijyanye naho

- **Amasenga y’Impyisi:** Naho impyisi zatahaga hagaragara imyobo

- **Ikihateganyijwe**: Kuhatunganya hagaragazwa amateka yanditse no kuharimbisha.

Byateguwe na:

MUTUNZI Antoine
Umukozi ushinzwe amakoperative n’ishoramari